Amakuru ku Barwayi & Ababyeyi

Sisitemu y'Amakuru y'Inkingo (IIS) ni Iki?

IIS, rimwe na rimwe yitwa inyandiko z'inkingo, ni uburyo bwizewe (bwubahiriza amategeko ya HIPAA), bukorera muri leta yose, bushingiye kuri interineti buhuza kandi bugatanga amakuru y'inkingo hagati y'amavuriro ya leta, ayigenga, inzego z'ubuzima z'ibanze, amashuri, ibitaro, n'ibindi bigo by'ubuzima bitanga inkingo bikanatanga ubuvuzi.

NHIIS (Sisitemu y'Amakuru y'Inkingo ya NH) ni serivisi y'Ishami rya NH ry'Ubuzima n'Imirimo y'Abaturage (DHHS), Ishami rya Serivisi z'Ubuzima Rusange (DPHS). NHIIS ikomeza kubika amakuru ajyanye n'inkingo ku buntu ku muntu ku giti cye cyangwa ku utanga serivisi z'ubuzima.

Ni izihe nyungu za NHIIS?

- NHIIS ihuriza mu nyandiko imwe amakuru y'inkingo z'umurwayi atangwa n'abatanga serivisi z'ubuzima batandukanye mu nyandiko imwe yizewe;
- Abatanga serivisi z'ubuvuzi bashobora kubona vuba kandi mu buryo bworoshye inyandiko z'inkingo z'abarwayi mu gihe bibaye ngombwa (urugero nk'izo kujyana mu mashuri, ibigo byita ku bana bifite uruhushya, n'ibisabwa kugira ngo umuntu yinjire mu nkambi);
- NHIIS ikurikirana inkingo ku buryo abarwayi bahabwa inkingo zikenewe gusa mu gihe bibaye ngombwa
- Mu gihe habayeho icyorezo cy'indwara, NHIIS ishobora gufasha mu kumenya niba umurwayi akeneye gukingirwa ako kanya; kandi
- Abatanga serivisi z'ubuvuzi bazaba bafite amakuru y'uko umurwayi yakingiwe, mu gihe umurwayi yimukiye ahandi, ahinduye abamuha ubuvuzi, cyangwa ahuye n'ikiza kamere nk'umwuzure, inkubi y'umuyaga cyangwa icyorezo cy'indwara.

Ni ayahe makuru ashobora gushyirwa muri NHIIS?

NHIIS ishobora gukoreshwa mu kubika amakuru y'inkingo z'umuntu uwo ari we wese, w'imyaka iyo ari yo yose. Icyakora, ntabwo abatanga serivisi z'ubuzima bose bagira uruhare rwuzuye muri NHIIS.

Ni ayahe makuru asangizwa NHIIS?

Amakuru asangizwa NHIIS atanzwe n'abatanga serivisi z'ubuzima bitabiriye ashobora kuba arimo: Izina ry'umurwayi, itariki y'amavuko, igitsina, aderesi yuzuye, izina ry'urukingo, uruganda rukora urwo rukingo, nomero iruranga n'itariki rwatangiweho.

Ese inyandiko z'abarwayi zibikwa mu buryo bw'ibanga muri NHIIS?

Yego. NHIIS yateguriwe uburyo bwinshi bwo kugenzura umutekano kugira ngo irinde amakuru ajyanye n'inkingo n'ibanga ry'umurwayi.

Ese kugira uruhare muri NHIIS ni itegeko ku barwayi?

Oya. Kugira uruhare muri NHIIS ni ubushake.

- Ufite uburenganzira bwo Kujyamo cyangwa Kutajyamo ko amakuru yawe ashyirwa muri NHIIS binyuze mu kubimenyesha uguha serivisi z'ubuvuzi. Ushobora gusabwa kuzuza ifishi igaragaza ibyo wahisemo.
- Niba uhisemo Kujyamo, uzasabwa gutanga uruhushya rwemera gutanga amakuru yawe/y'umwana wawe kandi amakuru y'inkingo zawe/z'umwana wawe azashyirwa muri NHIIS.
- Niba uhisemo Kuvamo, amakuru yawe ntazashyirwa muri NHIIS.

Ese hari izindi leta zifite Sisitemu y'Amakuru y'Inkingo?

Sisitemu y'amakuru y'inkingo ikora muri leta 49 zose.

- IIS zimwe na zimwe za leta zisangira amakuru ku buryo inyandiko yuzuye "ikurikira" umuntu aho yaba atuye hose.
- NHIIS ntiragira ubu buryo, ariko igihe bizaba bimaze gukorwa, amakuru y'abagize uruhare muri NHIIS ashobora guhanahanwa n'indi leta ya IIS.

Ese amashuri ashobora kubona aya makuru?

Abaforomo b'ishuri bafite uburenganzira bwo "gusoma gusa" muri NHIIS kugira ngo barebe inyandiko z'inkingo z'abanyeshuri. Niba dosiye y'umwana wawe yamaze gushyirwa muri NHIIS, baza umuforomo w'ishuri niba ukeneye kopi y'urupapuro.

Ni hehe nabona ibisobanuro by'inyongera?

Baza umukozi uguha serivisi z'ubuvuzi kugira ngo umenye byinshi kuri NHIIS. Ibindi bisobanuro biri ku rubuga rwacu: https://www.dhhs.nh.gov/programs-services/disease-prevention/immunizations/nh-immunization-information-system.

Ni gute abarwayi babona kopi z'inyandiko z'amakuru yabo y'inkingo?

Niba Waremeye ko amakuru ajyanye n'inkingo zawe/z'umwana wawe ashyirwa muri NHIIS, inyandiko y'amakuru ishobora kuboneka ku Rubuga rw'Abarwayi kuri: https://www.vaccines.nh.gov/vaccination-record-instructions

Niba waranze ko amakuru ajyanye n'inkingo zawe/z'umwana wawe ashyirwa muri NHIIS, hamagara uguha serivisi z'ubuvuzi kugira ngo ubone kopi y'inyandiko y'amakuru.

NH DIVISION OF Public Health Services
Department of Health and Human Services

New Hampshire Immunization Program
Vaccinate for Life!
NH DEPARTMENT OF HEALTH & HUMAN SERVICES